**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RUKURU RW'UBUCURUZI**
**B.P: 7197 KIGALI**

**ITEGEKO RYA PEREZIDA W'URUKIKO N° 0005/2020/HCC RIHAMAGAZA UMUBURANYI UDAFITE AHO ATUYE CYANGWA AHO ABA HAZWI**

Umwaka wa 2020, umunsi wa 12 w'ukwezi kwa Kamena;

Twebwe, NKURUNZIZA Valens, Visi Perezida w'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, dufashijwe na MUNYEHIRWE Jean Protogène, Umwanditsi muri urwo Rukiko;

Tumaze kubona ko mu nama ntegurarubanza yo kuwa 02 Kamena 2020 mu rubanza **RCOMA 00123/2020/HCC** Me HABYARIMANA Jean Baptiste wari uhagarariye **NGABONZIZA Eric** waregaga yagaragaje ko Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagali ka Nyabugogo yanditse ku nyandiko zihamagara ababuranyi zo kuwa 15/05/2020 ko batazi aho sosiyete **CAMEL TRAVEL AND TOURS AGENCY** yakoreraga mu kagali kabo yimukiye ;

Dushingiye ku ngingo ya 45 n'iya 46 z'itegeko n° 22/2018 ryo kuwa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi ;

Dutegetse ko ihamagara rya **CAMEL TRAVEL AND TOURS AGENCY** rimanikwa mu gihe cy'amezi abiri ku Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi no ku Rukiko rw'Ubucuruzi ahamanikwa amatangazo rigashyirwa no ku rubuga (website) rw'Urukiko rw'Ikirenga;

Tumenyesheje **CAMEL TRAVEL AND TOURS AGENCY** ko ibisobanuro birambuye kuri uru rubanza yabibona anyuze mu nzira y'ikoranabuhanga ya IECMS amaze kugaragaza umurongo wa interineti azajya amenyesherezwaho ibijyanye n'urubanza rwe ;

Dutegetse ko iri tegeko rizatangazwa mu kinyamakuru **THE NEW TIMES**; inama ntegurarubanza ikazaba **kuwa 23 Nzeli 2020 saa tatu (09h00)**.

| | |
|---|---|
| **NKURUNZIZA Valens** | **MUNYEHIRWE Jean Protogène** |
| (Visi Perezida) | (Umwanditsi) |

URUKIKO RUKURU RW'UBUCURUZI
REPUBULIKA Y'U RWANDA